**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU GIKORWA CYO GUTANGIZA AMAHUGURWA Y'ABUNZI KU RWEGO RW'IGIHUGU MU KARERE KA RUSIZI KUWA 06/03/2018

Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi;

Bayobozi mu nzego zitandukanye;

Abunzi mwese muteraniye hano;

Muraho!

Minisiteri y'Ubutabera nk'urwego rufite mu nshingano zarwo guhuza ibikorwa no gukurikirana imikorere ya Komite z'Abunzi, ikora uko ishoboye kugira ngo ibagenere ibyo mukeneye birimo no kubongerera ubumenyi bubafasha gukora umurimo kunga mu buryo bunoze kandi bukurikije amategeko;

Ubutabera bwunga butangwa n'Abunzi, iyo bukozwe neza butuma abafitanye amakimbirane bishakamo igisubizo kibanogeye, ntibatakaze igihe bajya mu nkiko, Inkiko bakazijyamo ku bibazo bikomeye kandi namwe nta wundi muti mwaboneye ikibazo cyabo. Ubu buryo bwo gukemura amakimbirane mu mahoro rero bufite akamaro kanini kuko butuma abafitanye ikibazo bishakamo igisubizo kibanogeye mubibafashijemo, bikabarinda gusiragira mu Nkiko batakaza umwanya n'amafaranga bakagombye gukoresha bikorera imirimo ibateza imbere bo n'imiryango yabo;

Ubuyobozi bw'Igihugu cyacu kandi, ntibuhwema gushakisha icyatuma Abunzi nk'Abakorerabushake mutaremererwa n'umurimo nk'uyu ukomeye, ari yo mpamvu mwishyurirwa ku buryo buhoraho, ubwisungane mu kwivuza, mwebwe n'abagize imiryango yanyu bane;

Mu mwaka wa 2014, ubwo twizihizaga isabukuru y'imyaka icumi Abunzi bamaze batanga ubutabera bwunga, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yasezeranije Abunzi ko hazashakwa uburyo babonerwa inyoroshyangendo, kugira ngo Umwunzi atazajya avunika asohoza inshingano yiyemeje. Igikorwa cyo kubaha amagare rero cyaratangiye, nabwiwe ko hano mu Karere ka Rusizi Abunzi bose bo ku rwego rw'Umurenge mwamaze kuyabona, ndetse na ba Perezida ba Komite z'Abunzi bo ku rwego rw'Akagari. Turabizeza ko dukora uko dushoboye kugira ngo n'abatarayabona abagereho mu gihe kitarambiranye, dukurikije uburyo tugenda tubona ubushobozi. Inzira yo kugura ariya magare ni ndende kuko Leta y'u Rwanda yashatse kugura igare rikomeye kandi rizafasha Umwunzi, bituma ikora ku buryo rivanwa mu Ruganda rikorewe Abunzi (mujya mubona ko ryanditseho "Abunzi"), hakiyongeraho ko ari menshi (hafi 18,000), akaba ari yo mpamvu Abunzi bose mutayaboneye rimwe. Muzi mwese ko imvugo ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ariyo ngiro, ayo magare mwese azabagerahо kandi vuba. Minisiteri y'Ubutabera nayo ikaba yarihaye intego yo kwihutisha igikorwa cyo kuyabagezaho.

Mu byifuzo kandi mwari mwaragejeje kuri Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, harimo no kubashakira uburyo bw'itumanaho bwo kuborohereza guhanahana amakuru. Ndizera ko Telefone mwazibonye mwese, kandi mu gihe kitarambiranye turateganya gusimbura izo mwari mwahawe kugira ngo mubashe kuguma ku murongo w'itumananaho, tuzakora kandi uko dushoboye dufatanyijye na Airtel ubu yunze ubumwe na Tigo kugira ngo iminara yabo irusheho kugera hose, ibibazo byose byari byarabayeho mu gihe Airtel yari ikiri yonyine tubibonere umuti, cyane cyane kubura umurongo (network);

Aya mahugurwa y'iminsi ibiri mwatangiye uyu munsi, ubu arimo kubera mu Gihugu hose. Turifuza ko aba umusemburo w'imikorere myiza yanyu, kandi Minisiteri y'Ubutabera ifatanyije n'abandi bafatanyabikorwa, ifite intego y'uko yajya atangwa kenshi uko bizadushobokera.

Umwimerere w'urwego rw'Abunzi n'uruhare rugira mu gutanga ubutabera bakemura amakimbirane mu mahoro, bituma Ubuyobozi bw'Igihugu cyacu bwiyemeza gukora ibishoboka byose ngo inzira twatangiye yo kubaka Urwego rw'Abunzi idasubira inyuma.

Sinasoza ntibukije Abunzi ibi bikurikira:

Umurimo wanyu ni umurimo w'ubwitange, muwutorerwa mubizi ko nta gihembo mukorera.

Serivise zitangwa n'Abunzi nta kiguzi icyo aricyo cyose kiva ku muturage kugira ngo akunde ayihabwe;

- Nta nyoroshyangendo umuturage agenera Inteko y'Abunzi kugira ngo ikunde imukemurire ikibazo;
- Nta muti w'ikaramu usabwa umuturage ngo ni ukugira ngo Inteko y'Abunzi ikunde imuhe umwanzuro ku kibazo cye;
- Nta mafaranga ngo yitwa "Guhagurutsa Inteko" ava ku muturage akarengera mu mifuka y'Abagize Inteko y'Abunzi;
- Nta kiguzi cyitwa icyo gutanga ikirego kibaho mu Bunzi;
- Ntaho bigenwa ko Umuturage ufite ikibazo agomba kugenera Abunzi isabune;

Ibyo byose byitwa ruswa kandi ari uwayitanze ari n'uwayihawe bose bahanwa kimwe imbere y'amategeko;
Ndagira ngo mbabwire ko Minisiteri y'Ubutabera ndetse n'Ubuyobozi Bukuru bw'Igihugu, twese tubari inyuma ngo tubashyigikire. Ndabasaba kurangiza neza inshingano zanyu muzirikana izi ndangagaciro zigomba kubaranga, uwo zinaniye akabisa abandi bagakomeza urugendo;

Mwirinde umugayo, mube indahemuka, murangwe no kwitanga, mube abanyakuri, mwirinde kubogama, murangwe no kwiyubaha, mube intangarugero aho munyura hose n'aho mutuye, murangwe no kugira ibanga, mwirinde gushyira hanze ababazaniye akababaro kabo, mube abantu batinyuka bagahagarara mu kuri kwabo;

Mboneyeho umwanya wo kwifuriza Abunzi ba Rusizi n'abo mu Gihugu hose bayitabiriye kugira amahugurwa meza, bityo nkaba nyatangije ku mugaragaro.

**Tugire Ubutabera tubuharaniye.**